



IMIYOBORO YO GUKOresha AGAFUKAMUNWA




Mbere yo kwambara agafukamunwa, sukura intoki ukoresheje umuti urimwo arukoro cyangwa isabune n'amazi.




Gupfuka umunwa n' amazuru ukoresheje agafukamunwa hanyuma urebe ko nta cyuho kiri hagati yawe n'ako gafukamunwa.

Agafukamunwa gahinguwe mumwenda karashobora gukoreshwa. Hora woza ako gafukamunwa kenshi mumazi ashyushye.



Ku bundi bwoko bwose bw'udufukamunwa, usimbuze n'akandi gashya mugihe gatose kandi ntukongere gukoresha agafukamunwa kagenewe gukoreshwa rimwe.



Kuraho agafukamunwa ufatiye inyuma (ntukore imbere kugafukamunwa), jugunya ako kanya mw' isanduku ifunze, sukura intoki ukoresheje umuti urimwo arukoro cyangwa isabune n'amazi.

IGIHE CYO GUKORESHA AGAFUKAMUNWA




Wambare agafukamunwa mugihe uri kumugaragaro no hafi y'abandi bantu (hanze y'urugo rwawe, muri bisi, mumaduka, kukazi) no mugihe wita kumuntu ufite cyangwa ukekweho kuba afite Coronavirus.

Wambare agafukamunwa niba urimwo gukorora cyangwa kwitsamura.



Agafukamunwa gakora neza gusa iyo gakoreshwe gafatanije no gusukura intoki kenshi ukoresheje umuti urimwo arukoro cyangwa isabune n'amazi.



Niba wambaye agafukamunwa, ugomba rero kumenya kugakoresha no kukajugunya neza.

Udufukamunwa ntitugomba gushyirwa kubana bari musu y'imyaka 2 n'umuntu wese utazaba abe kugakuramo nta mfashanyo.